REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Kigali, ku wa 16/6/2023
N° 1205 /REB/05/2023

**Umuyobozi w'Akarere (Bose)**
**Umuyobozi Nshingwabikorwa (Bose)**

Bwana / Madamu,

**Imamvu: Ubutumire mu bikorwa by'amahugurwa y'abarimu b'isomo ry'Amateka**

Imwe mu ngaruka z'amateka mabi yaranze u Rwanda yaje kutugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, ni ibikomere bituma bamwe mu barimu b'isomo ry'Amateka bigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bayaca ku ruhande;

Ni muri urwo rwego, Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) rwateguye amahugurwa y'abarimu bigisha isomo ry'Amateka hagamijwe kubongerera ubushobozi buzabafasha kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi uko ari.

Tubandikiye iyi baruwa tubasaba guhitamo no kohereza umwarimu umwe (1) muri buri Murenge, wigisha isomo ry'amateka , ufite uburambe kandi wize kwigisha iryo somo, mu mahugurwa abateganyirijwe kuva tariki ya 26 Kamena 2023 kugeza tariki ya 2 Nyakanga 2023. Bazahagera tariki ya 25/06/2023 batahe tariki ya 2/07/2023. Aho aya mahugurwa azabera tuzahabamyesha mu minsi ya vuba.

Abarimu bazaza bitwaje ibi bikurikira: Ibikoresho by'isuku, igitambaro cy'amazi, amashuka, imyenda n'inkweto za siporo. Uturere twose turasabwa gufasha abarimu kugera aho bazahugurirwa no kubasubiza mu Mirenge baturutsemo.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara **Bwana MURASIRA Gerard**, Umuyobozi ushinzwe amahugurwa y'abarimu muri REB kuri telefoni igendanwa: 0788625992 cyangwa email: gmurasira@reb.rw

Mugire amahoro.

RWANDA BASIC EDUCATION BOARD (REB)

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
**Umuyobozi Mukuru**

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/ MINEDUC